Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gicumbi

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi buramenyesha abantu bose babifitiye ubushobozi kandi bujuje ibisabwa ko bushaka gutanga akazi k'abakozi b'Akarere ku myanya 25 yo kwinjira mu rwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira:**

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba yabisabye ku bushake;
- Kuba afite imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo ndakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- Kuba afite afite impamyabumenyi byibura y'amashuli atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
- Kuba afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta.

**Ibigize dosiye isaba akazi:**

1. Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Gicumbi ( www.gicumbi.gov.rw)
2. Kopi y'impamyabumenyi;
3. Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n'inzego z'ibanze;
4. Fotokopi y'indangamuntu.

Dosiye yuzuye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze itariki 02/05/2025 saa kumi n'imwe z'umugoroba cyangwa inyujijwe kuri email y'Akarere: info@gicumbi.gov.rw

Bikorewe i Gicumbi kuwa 25/04/2025

AKARERE KA GICUMBI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**NZABONIMPA Emmanuel**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi**